

ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/MOJ/AG/2017 RYO KU WA 07/02/2017 RIGENA UBURYO BWO GUCUNGA IMITUNGO YASIZWE NA BENE YO N'IMIKORANIRE Y'INZEGO ZIGIRA URUHARE MU KUYICUNGA

MINISTERIAL ORDER N°003/MOJ/AG/2017 OF 07/02/2017 DETERMINING MODALITIES FOR MANAGEMENT OF ABANDONED PROPERTY AND COLLABORATION BETWEEN ORGANS INVOLVED IN THEIR MANAGEMENT

ARRETE MINISTERIEL N°003/MOJ/AG/2017 DU 07/02/2017 DETERMINANT LES MODALITES DE GESTION DES BIENS ABANDONNES ET LA COLLABORATION ENTRE LES INSTANCES INTERVENANT DANS LADITE GESTION

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

UMUTWE WA II: UBURYO BWO GUCUNGA IMITUNGO YASIZWE NA BENE YO

CHAPTER II: MODALITIES OF MANAGEMENT OF ABANDONED PROPERTY

CHAPITRE II: MODALITES DE GESTION DES BIENS ABANDONNES

Iciviro cya mbere: Ishyirwaho rya Komite zishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo

Section One: Establishment of Committees in charge of management of abandoned property

Section première: Création des Comités chargés de la gestion des biens abandonnés

Ingingo ya 2: Ishyirwaho rya Komite

Article 2: Establishment of the Committee

Article 2: Création du Comité

Ingingo ya 3: Abagize Komite

Article 3: Composition of the Committee

Article 3: Composition du Comité

Ingingo ya 4: Ishyirwaho ry'abagize Komite

Article 4: Appointment of members of the Committee

Article 4: Nomination des membres du Comité

Ingingo ya 5: Manda y'abagize Komite

Article 5: Term of office of members of the Committee

Article 5: Mandat des membres du Comité

Ingingo ya 6: Ubuyobozi bwa Komite

Article 6: Administration of the Committee

Article 6: Administration du Comité

<u>Ingingo ya 7: Inshingano z'ingenzi za Komite</u>	<u>Article 7: Main responsibilities of the Committee</u>	<u>Article 7: Attributions du Comité</u>
<u>Ingingo ya 8: Inama ya Komite n'itumizwa ryayo</u>	<u>Article 8: Meetings of the Committee and its convening</u>	<u>Article 8: Réunion du Comité et sa convocation</u>
<u>Ingingo ya 9: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ya Komite iterane</u>	<u>Article 9: Quorum</u>	<u>Article 9: Quorum</u>
<u>Ingingo ya 10: Gufata ibyemezo</u>	<u>Article 10: Taking decisions</u>	<u>Article 10: Prise de décisions</u>
<u>Ingingo ya 11: Gutanga raporo</u>	<u>Article 11: Submission of report</u>	<u>Article 11: Soumission du rapport</u>
<u>Ingingo ya 12: Itumizwa ry'undi muntu mu nama ya Komite ushobora kuyungura inama</u>	<u>Article 12: Invitation of a resource person to the meeting of the Committee</u>	<u>Article 12: Invitation d'une personne ressource à une réunion du Comité</u>
<u>Ingingo ya 13: Inyungu bwite mu bibazo byerekeranye n'imitungo yasizwe na bene yo</u>	<u>Article 13: Personal interest in issues related to abandoned property</u>	<u>Article 13: Intérêt personnel aux questions relatives aux biens abandonnés</u>
<u>Ingingo ya 14: Insimburamubyizi n'amafaranga y'urugendo ku bagize Komite n'uko atangwa</u>	<u>Article 14: Sitting and transport allowances for members of the Committee and modalities for their allocation</u>	<u>Article 14: Jetons de présence et frais de transport alloués aux membres du Comité et les modalités de leur octroi</u>
<u>Ingingo ya 15: Impamvu zituma ugize Komite ayivamo</u>	<u>Article 15: Reasons for cessation of membership of the Committee</u>	<u>Article 15: Causes de perte de la qualité de membre du Comité</u>
<u>Ingingo ya 16: Isimburwa ry'ugize Komite</u>	<u>Article 16: Replacement of a member of the Committee</u>	<u>Article 16: Remplacement d'un membre du Comité</u>
<u>Ingingo ya 17: Amategeko ngengamikorere ya Komite</u>	<u>Article 17: Internal rules and regulations of the Committee</u>	<u>Article 17: Règlement d'ordre intérieur du Comité</u>
<u>UMUTWE WA III: IMICUNGIRE YA KONTI ZIBIKWAHO AMAFARANGA AKOMOKA KU MITUNGO YASIZWE NA BENE YO</u>	<u>CHAPTER III: MANAGEMENT OF DEPOSIT ACCOUNTS RELATED TO ABANDONED PROPERTY</u>	<u>CHAPITRE III: GESTION DES COMPTES DE DEPOT RELATIFS AUX BIENS ABANDONNES</u>

Ingingo ya 18: Konti zibikwaho amafaranga akomoka ku mutungo wasizwe na bene wo

Article 18: Deposit accounts related to abandoned property

Article 18: Comptes de dépôt relatifs aux biens abandonnés

Ingingo ya 19: Imikoreshereze y'amafaranga ava mu mitungo yasizwe na bene yo

Article 19: Use of money from abandoned property

Article 19: Utilisation des fonds provenant des biens abandonnés

Ingingo ya 20: Umukozi ushinzwe imicungire y'imitungo yasizwe na bene yo

Article 20: Employee responsible for the management of abandoned property

Article 20: Agent chargé de la gestion des biens abandonnés

**UMUTWE WA IV: IMIKORANIRE Y'INZEGO ZIGIRA URUHARE MU GUCUNGA IMITUNGO YASIZWE NA BENE YO**

**CHAPTER IV: COLLABORATION BETWEEN ORGANS INVOLVED IN THE MANAGEMENT OF ABANDONED PROPERTY**

**CHAPITRE IV: COLLABORATION ENTRE LES INSTANCES INTERVENANT DANS LA GESTION DES BIENS ABANDONNES**

Ingingo ya 21: Imikoranire hagati ya Minisiteri y'Ubutabera na za Komite mu byerekeranye n'amasezerano y'ubukode bw'umutungo wasizwe na bene wo

Article 21: Collaboration between the Ministry of Justice and the Committees in relation to rental agreement for abandoned property

Article 21: Collaboration entre le Ministère de la Justice et les Comités à propos du contrat de location des biens abandonnés

Ingingo ya 22: Imikoranire ya Minisiteri y'Ubutabera na za Komite mu byerekeranye no kugera aho imitungo iherereye

Article 22: Collaboration between the Ministry of Justice and the Committees regarding field visits of abandoned property

Article 22: Collaboration entre le Ministère de la Justice et les Comités concernant les visites sur terrain des biens abandonnés

Ingingo ya 23: Imikoranire mu byerekeranye no gusana umutungo

Article 23: Collaboration in matters of renovation of the property

Article 23: Collaboration en matière de réhabilitation des biens abandonnés

Ingingo ya 24: Imikoranire mu byerekeranye no gushaka no kubika ibyangombwa by'imitungo yasizwe na bene yo

Article 24: Collaboration in matters of search for and safe keeping of titles of abandoned property

Article 24: Collaboration en matière d'obtention et de conservation des titres fonciers des biens abandonnés

Ingingo ya 25: Imikoranire mu byerekeranye no gububiza umutungo

Article 25: Collaboration in matters of restitution of the property

Article 25: Collaboration en matière de restitution des biens

<u>Ingingo va 26:</u> Imikoranire mu gihe hatanzwe ububasha bwo gucunga imitungo yasizwe na bene yo	<u>Article 26:</u> Collaboration in case of power of attorney to manage abandoned property	<u>Article 26:</u> Collaboration en cas de procuration pour la gestion des biens abandonnés
<u>Ingingo va 27:</u> Imikoranire mu byerekeranye n'icyamunara cy'imitungo yasizwe na bene yo	<u>Article 27:</u> Collaboration in matters of public auction of abandoned property	<u>Article 27:</u> Collaboration en matière de vente aux enchères des biens abandonnés
<u>Ingingo va 28:</u> Imikoranire mu byerekeranye n'itangwa ry'ikibanza, inzu ituzuye cyangwa yaseniyutse n'ibikorwa birimo byasizwe na bene byo	<u>Article 28:</u> Collaboration in matters of transfer of a plot, an unfinished or a demolished house and associated facilities abandoned by owners	<u>Article 28:</u> Collaboration en matière de transfert d'une parcelle, une maison inachevée ou démolie et les installations connexes abandonnées par les propriétaires
<u>Ingingo va 29:</u> Imikoranire mu guhitamo uhabwa ikibanza, inzu ituzuye cyangwa yaseniyutse n'ibikorwa birimo	<u>Article 29:</u> Collaboration in matters of selecting the person to be allocated a plot, an unfinished house or demolished house and associated facilities	<u>Article 29:</u> Collaboration en matière de sélection de la personne à qui allouer une parcelle, une maison inachevée ou démolie et les installations connexes
<u>Ingingo va 30:</u> Gusuzuma ubusabe bwo guhabwa ikibanza, inzu ituzuye cyangwa yaseniyutse byasizwe na bene byo	<u>Article 30:</u> Examination of the application for transfer of a plot, an unfinished or demolished house in a state of abandonment	<u>Article 30:</u> Examen de la demande de transfert d'une parcelle, une maison inachevée ou démolie abandonnée
<u>Ingingo va 31:</u> Umutungo wimukanwa	<u>Article 31:</u> Moveable property	<u>Article 31:</u> Biens meubles
<u>UMUTWE WA V: INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA</u>	<u>CHAPTER V: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</u>
<u>Ingingo va 32:</u> Igihe cy'inzibacyuho	<u>Article 32:</u> Transitional period	<u>Article 32 :</u> Période de transition
<u>Ingingo va 33:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<u>Article 33:</u> Repealing provision	<u>Article 33:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo va 34:</u> Igihe iri teka ritangira gukurikizwa	<u>Article 34 :</u> Commencement	<u>Article 34:</u> Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI N°003/MOJ/AG/2017 RYO KU WA 07/02/2017 RIGENA UBURYO BWO GUCUNGA IMITUNGO YASIZWE NA BENE YO N'IMIKORANIRE Y'INZEGO ZIGIRA URUHARE MU KUYICUNGA**

**MINISTERIAL ORDER N°003/MOJ/AG/2017 OF 07/02/2017 DETERMINING MODALITIES FOR MANAGEMENT OF ABANDONED PROPERTY AND COLLABORATION BETWEEN ORGANS INVOLVED IN THEIR MANAGEMENT**

**ARRETE MINISTERIEL N°003/MOJ/AG/2017 DU 07/02/2017 DETERMINANT LES MODALITES DE GESTION DES BIENS ABANDONNES ET LA COLLABORATION ENTRE LES INSTANCES INTERVENANT DANS LADITE GESTION**

**Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta,**

**The Minister of Justice/Attorney General,**

**Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122, n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 39/2015 ryo ku wa 22/08/2015 rigena imicungire y'imitungo yasizwe na bene yo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 11 n'iya 17;

Pursuant to Law n°39/2015 of 22/08/2015 relating to management of abandoned property, especially in Articles 11 and 17;

Vu la Loi n° 39/2015 du 22/08/2015 relative à la gestion des biens abandonnés, spécialement en ses articles 11 et 17;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 11/11/2016 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 11/11/2016;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 11/11/2016;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Iri teka rishyiraho uburyo bwo gucunga imitungo yasizwe na bene yo n'imikoranire y'inzego zigira uruhare mu kuyicunga.

This Order determines modalities for management of abandoned property and collaboration between organs involved in their management.

Le présent arrêté détermine les modalités de gestion des biens abandonnés et la collaboration entre les instances intervenant dans leur gestion.

**UMUTWE WA II: UBURYO BWO GUCUNGA  
IMITUNGO YASIZWE NA BENE YO**

**CHAPTER II: MODALITIES FOR  
MANAGEMENT OF ABANDONED  
PROPERTY**

**CHAPITRE II: MODALITES DE GESTION  
DES BIENS ABANDONNES**

**Iciviro cya mbere:** Ishyirwaho rya Komite zishinzwe gucunga imitungo yasizwe na bene yo

**Section One:** Establishment of Committees in charge of management of abandoned property

**Section première:** Création des Comités chargés de la gestion des biens abandonnés

**Ingingo ya 2:** Ishyirwaho rya Komite

**Article 2:** Establishment of the Committee

**Article 2:** Création du Comité

Inama Njyanama y'Akarere, mu izina rya Minisitiri w'Ubutabera, ishyiraho Komite yo ku rwego rw'Akarere ishinze gucunga neza imitungo yasizwe na bene yo yitwa "Komite" mu ngingo zikurikira muri iri teka.

The District Council, on behalf of the Minister of Justice, establishes at District level the Committee in charge of efficient management of abandoned property, referred to as "the Committee" in this Order.

Au nom du Ministre de la Justice, le Conseil de District met en place un Comité au niveau du District pour la gestion efficace des biens abandonnés, dénommé «le Comité» dans le présent arrêté.

Icyakora, iyo bigaragaye ko nta mitungo yasizwe na bene yo iri mu Karere cyangwa ihari nta musaruro itanga ufatika, Inama Njyanama y'Akarere ishobora kudashyiraho Komite muri ako Karere cyangwa ikavanaho Komite yari isanzweho iyo bigaragaye ko idakora neza, igashyiraho abantu ku giti cyabo bacunga iyo mitungo muri ako Karere.

However, if it is evident that there is no abandoned property in a District or that the income derived from abandoned property is insignificant, the District Council may not establish the Committee in that District or may dissolve the existing one if it is evident that it is inefficient and appoint individuals to manage any abandoned property in such a District.

Toutefois, s'il est évident qu'il n'y a pas de bien abandonné dans le District ou que les revenus générés par les biens abandonnés sont insignifiants, le Conseil de District peut décider de ne pas créer le Comité ou révoquer le Comité existant une fois constaté qu'il ne remplit pas ses fonctions et nommer les personnes physiques pour la gestion des biens abandonnés dans ce District.

**Ingingo ya 3:** Abagize Komite

**Article 3:** Composition of the Committee

**Article 3:** Composition du Comité

Komite igizwe n'abantu batanu (5) bakurikira :

The Committee is composed of the following five (5) members :

Le Comité est composé de cinq (5) membres suivants:

- 1° Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinze Iterambere ry'Ubukungu ari na we Perezida wa Komite;
- 2° umuntu umwe uhagarariye abikorera mu Karere;

- 1° the District Vice Mayor in charge of Economic Development who is also the Chairperson of the Committee;
- 2° one representative of the Private Sector Federation in the District;

- 1° le Vice-Maire de District chargé du Développement Economique qui est aussi le Président du Comité;
- 2° une personne représentant la Fédération du Secteur Privé dans le District;

*Official Gazette n° 07 of 13/02/2017*

- |   |  |   |
|---|--|---|
| 3° uhagarariye urubyiruko mu Karere;                            | 3° a representative of youth in the District;                        | 3° un représentant de la jeunesse dans le District;                           |
| 4° umuntu umwe uhagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere; | 4° a representative of the National Women's Council in the District; | 4° une personne représentant le Conseil National des Femmes dans le District; |
| 5° umwe mu bakozi b'ibiro by'ubutaka mu Karere.                 | 5° one representative of the District land office.                   | 5° un agent du service foncier du District.                                   |

**Ingingo ya 4: Ishyirwaho ry'abagize Komite**

Inama Njyanama y'Akarere ishyiraho abagize Komite nk'uko bavugwa mu ngingo ya 3 y'iri teka, ikabimenyeshya Minisitiri w'Ubutabera.

**Article 4: Appointment of members of the Committee**

The District Council appoints members of the Committee as mentioned in Article 3 of this Order and informs the Minister of Justice.

**Article 4: Nomination des membres du Comité**

Le Conseil de District nomme les membres du Comité tel que mentionné à l'article 3 du présent arrêté et en informe le Ministre de la Justice.

**Ingingo ya 5: Manda y'abagize Komite**

Uretse Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, abandi bagize Komite bagira manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

**Article 5: Term of office of members of the Committee**

Members of the Committee, except the District Vice Mayor in charge of Economic Development, have a term of office of three (3) years renewable only once.

**Article 5: Mandat des membres du Comité**

A l'exception du Vice-Maire de District chargé du Développement Economique, les autres membres du Comité ont un mandat de trois (3) ans renouvelable une seule fois.

**Ingingo ya 6: Ubuyobozi bwa Komite**

Komite iyoborwa n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu.

**Article 6: Administration of the Committee**

The Committee is headed by the District Vice Mayor in charge of Economic Development.

**Article 6: Administration du Comité**

Le Comité est présidé par le Vice-Maire de District chargé du Développement Economique.

Komite yitoramo Visi Perezida, Umucungamutungo n'Umunyamabanga mu nama yayo ya mbere bunganira Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu mu buyobozi bwa Komite.

The Committee elects the Vice Chairperson, the Accountant and the Secretary among its members in its first meeting to assist the Vice Mayor in charge of Economic Development in the administration of the Committee.

Le Comité élit un Vice-Président, un Comptable et un Secrétaire parmi ses membres lors de sa première réunion qui assistent le Vice-Maire de District chargé du Développement Economique dans l'administration du Comité.

**Ingingo ya 7: Inshingano z'ingenzi za Komite**

Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 4 y'Itegeko n° 39/2015 ryo ku wa 22/08/2015 rigena imicungire y'imitungo yasizwe na bene yo, Komite ifite inshingano z'ingenzi zikurikira:

- 1° kunganira ubuyobozi bw'Umurenge mu kubarura imitungo yasizwe na bene yo mu Karere, iyo ihari;
- 2° gucunga neza no kubyaza umusaruro imitungo yasizwe na bene yo;
- 3° gukemura impaka zirebana n'imitungo yasizwe na bene yo;
- 4° gusesengura raporo n'andi makuru byerekeranye n'imitungo yasizwe na bene yo byashyikirijwe Akarere mbere y'uko Inama Njyanama ibisuzuma;
- 5° gufata ibyemezo bireba imitungo yasizwe na bene yo, uretse ibiteganyijwe ukundi muri iri teka;
- 6° kureba ko amasezerano y'ubukode bw'imitungo yasizwe na bene yo akozwe hakurikijwe ibiciro biri ku isoko by'iyi mitungo.

**Article 7: Main responsibilities of the Committee**

Without prejudice to the provisions of Article 4 of Law n° 39/2015 of 22/08/2015 relating to management of abandoned property, the Committee has the following main responsibilities:

- 1° to support the Sector authorities in making an inventory of any abandoned property in a respective District, if any;
- 2° to effectively manage and make the abandoned property productive;
- 3° to resolve disputes related to abandoned property;
- 4° to analyze reports and any other information related to abandoned property submitted to the District authorities before consideration by the District Council;
- 5° to take decisions on abandoned property, unless stipulated otherwise in this Order;
- 6° to ensure that rental agreements of abandoned property reflect the real market value of the property.

**Article 7: Attributions principales du Comité**

Sans préjudice des dispositions de l'article 4 de la Loi n° 39/2015 du 22/08/2015 relative à la gestion des biens abandonnés, le Comité a les attributions principales suivantes:

- 1° assister les autorités du Secteur à inventorier les biens abandonnés au sein du District, s'il y'en a;
- 2° gérer et exploiter d'une manière productive les biens abandonnés;
- 3° résoudre les conflits en rapport avec les biens abandonnés;
- 4° analyser les rapports et toute autre information relative aux biens abandonnés soumis aux autorités de District avant d'être examinés par le Conseil de District;
- 5° prendre les décisions en rapport avec les biens abandonnés, sauf quand le présent arrêté en dispose autrement;
- 6° s'assurer que les contrats de location des biens abandonnés sont conformes aux prix réels du marché de ces biens.



**Ingingo ya 8: Inama ya Komite n'itumizwa ryayo**

Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu ni we utumiza kandi akayobora inama za Komite.

Iyo Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu adahari, inama itumizwa na Visi Perezida akaba ari na we uyiyobora.

Inama ya Komite iterana nibura rimwe mu gihe cy'amezi atatu (3) n'igihe cyose bibaye ngombwa.

**Ingingo ya 9: Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ya Komite iterane**

Inama ya Komite iterana iyo hari nibura bitatu bya gatanu (3/5) by'abayigize.

**Ingingo ya 10: Gufata ibyemezo**

Komite ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse, ibyemezo bifatwa ku bwiganze busesuye bw'amajwi y'abari mu nama.

Iyo habayeho kunganya amajwi, ijwi rya Perezida ni ryo rikemura ikibazo.

Inyandiko y'ibyemezo by'inama ya Komite ishyirwaho umukono na Perezida wa Komite n'Umunyamabanga wa Komite bakayohereza

**Article 8: Meeting of the Committee and its convening**

The District Vice Mayor in charge of Economic Development convenes and chairs meetings of the Committee.

In the absence of the District Vice Mayor in charge of Economic Development, the meeting is convened and chaired by the Vice Chairperson.

The meeting of the Committee is held at least once in three (3) months and whenever deemed necessary.

**Article 9: Quorum**

The Committee meets if at least three fifths (3/5) of its members are present.

**Article 10: Taking decisions**

The Committee takes decisions by consensus. If consensus is not obtained, decisions are made by an absolute majority vote of the members present at the meeting.

In case of a tie, the Chairperson has a casting vote.

The minutes of the meeting of the Committee are signed by the Chairperson and the Secretary of the Committee and submitted to the Minister of

**Article 8: Réunion du Comité et sa convocation**

Le Vice-Maire de District chargé du Développement Economique convoque et préside les réunions du Comité.

En cas d'absence du Vice-Maire de District chargé du Développement Economique, le Vice-Président convoque et préside la réunion.

Le Comité se réunit au moins une fois les trois (3) mois et chaque fois que de besoin.

**Article 9: Quorum**

Le Comité se réunit valablement lorsqu'au moins trois cinquième (3/5) de ses membres sont présents.

**Article 10: Prise de décisions**

Le Comité prend ses décisions par consensus. Dans le cas contraire, elles sont prises à la majorité absolue des membres présents à la réunion.

En cas d'égalité des voix, celle du Président est prépondérante.

Le Président et le Secrétaire du Comité signent les minutes de la réunion et les soumettent au Ministre de la Justice et donnent copie au Président du Conseil de District.

Minisitiri w'Ubutabera, bakanagera kopi Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere.

**Ingingo ya 11: Gutanga raporo**

Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu yoherereza Minisitiri w'Ubutabera bitarenze tariki ya 25 ya buri kwezi no mu gihe bibaye ngombwa raporo igaragaza uko imitungo yasizwe na bene yo ihagaze, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere akagenerwa kopi.

**Ingingo ya 12: Itumizwa ry'undi muntu mu nama ya Komite ushobora kuyungura inama**

Komite ishobora gutumira mu nyandiko mu nama yayo undi muntu ibona ko ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibygwa.

Uwatumirwa ntiyemerewe gutora cyangwa gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo zitari izo yahamagariwe.

**Ingingo ya 13: Inyungu bwite mu bibazo byerekeranye n'imitungo yasizwe na bene yo**

Iyo uri mu bagize Komite afite inyungu bwite iziguye cyangwa itaziguye mu kibazo gisuzumwa cyerekeranye n'imitungo yasizwe na bene yo, agomba kumenyesha Komite bidatinze aho izo nyungu ze zishingiye. Umenyesha inyungu ze ntashobora gutora mu gihe hafatwa ibyemezo kuri icyo kibazo.

Justice, a copy is provided to the Chairperson of the District Council.

**Article 11: Submission of report**

The District Vice Mayor in charge of Economic Development, not later than 25<sup>th</sup> of every month and whenever deemed necessary, submits a report on the status of the abandoned property to the Minister of Justice and provides a copy to the Chairperson of the District Council.

**Article 12: Invitation of a resource person to the meeting of the Committee**

The Committee may, in writing, invite in its meeting any resource person from whom it may seek advice on a certain issue on the agenda.

The invited person is not allowed to vote or discuss other issues for which he/she was not invited.

**Article 13: Personal interest in issues related to abandoned property**

In case a member of the Committee has a direct or indirect interest in any issue under examination related to an abandoned property, he/she must inform the Committee on where such interest lies. The member who communicates his/her interest is not allowed to vote while taking decisions on the issue.

**Article 11: Soumission du rapport**

Avant le 25 de chaque mois et chaque fois que de besoin, le Vice-Maire de District chargé du Développement Economique soumet un rapport sur l'état des biens abandonnés au Ministre de la Justice et en donne copie au Président du Conseil de District.

**Article 12: Invitation d'une personne ressource à une réunion du Comité**

Le Comité peut inviter par écrit dans sa réunion toute personne qu'il juge utile pour l'examen d'un point inscrit à l'ordre du jour.

La personne invitée n'a pas de voix délibérative et ne participe pas aux débats concernant le point sur lequel elle n'est pas invitée.

**Article 13: Intérêt personnel aux questions relatives aux biens abandonnés**

Lorsqu'un membre du Comité a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner relatif aux biens abandonnés, il doit en informer le Comité et indiquer où ses intérêts reposent. Le membre qui fait connaître son intérêt ne peut pas voter lors de la prise de décision à ce sujet.

Iyo bigaragaye ko nibura bitatu bya gatanu (3/5) by'abagize Komite bafite inyungu iziguye cyangwa itaziguye mu kibazo gisuzumwa cyerekeranye n'imitungo yasizwe na bene yo ku buryo abagize Komite badashobora gufata ibyemezo kuri icyo kibazo, Perezida wa Komite agishyikiriza mu nyandiko Minisitiri w'Ubutabera kugira ngo agifateho icyemezo gikwiye.

**Ingingo ya 14: Insimburamubyizi n'amafaranga y'urugendo ku bagize Komite n'uko atangwa**

Amafaranga yuzuye y'insimburamubyizi n'ay'urugendo ahabwa buri wese ugize Komite igihe bateranye mu nama ahenwe ku buryo bukurikira:

1° amafaranga y'insimburamubyizi:

- a) Perezida wa Komite: ibihumbi makumyabiri (20.000 FRW);
- b) Visi Perezida n'Umwanditsi ba Komite: ibihumbi cumi na bitanu: 15.000 FRW) buri wese;
- c) abandi bagize Komite: ibihumbi icumi (10.000 FRW) buri wese;

2° amafaranga y'urugendo: ibihumbi icumi (10.000 FRW) buri wese.

If it is evident that at least three fifths (3/5) of members of the Committee have a direct or indirect interest in the issue under examination related to an abandoned property in such a way that members may not be able to take a decision on the issue, the Chairperson of the Committee, in writing, submits the issue to the Minister of Justice in order to take an appropriate decision.

**Article 14: Sitting and transport allowances for members of the Committee and modalities for their allocation**

The sitting and transport allowances granted to each member of the Committee when sitting in session are fixed as follows:

1° sitting allowances:

- a) Chairperson of the Committee: twenty thousand Rwandan francs (FRW 20,000);
- b) Vice-chairperson and Secretary of the Committee: fifteen thousand Rwandan francs (FRW 15,000) for each;
- c) other members of the Committee: ten thousand Rwandan francs (FRW 10,000) for each;

2° transport allowances: ten thousand Rwandan francs net (FRW 10,000) each.

Lorsqu'il est évident qu'au moins les trois cinquièmes (3/5) des membres du Comité ont un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner relatif aux biens abandonnés de sorte que la prise de décision sur ce point devienne impossible, le Président du Comité soumet, par écrit, ce point au Ministre de la Justice pour prendre une décision appropriée.

**Article 14: Jetons de présence et frais de transport alloués aux membres du Comité et les modalités de leur octroi**

Les jetons de présence et indemnités de transport alloués à chaque membre du Comité en session sont fixés comme suit:

1° les jetons de présence :

- a) Président du Comité: vingt mille francs rwandais (20.000 FRW);
- b) le Vice-président et le Secrétaire du Comité : quinze mille francs rwandais (15.000 FRW) chacun;
- c) autres membres du Comité: dix mille francs rwandais (10.000 FRW) chacun;

2° les indemnités de transport: dix mille francs rwandais (10.000 FRW) chacun.

Amafaraŋa agenerwa abitabiriye inama avugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntatangwa inshuro irenze imwe mu gihembwe kabone n'iyi inama za Komite zaterana inshuro zirenze imwe.

Allowances provided for in Paragraph One of this Article shall not be granted more than once in a term even if meetings of the Committee are held more than once in the same period.

Les montants prévus à l'alinéa premier du présent article ne peuvent pas être octroyés plus d'une fois au cours d'un trimestre, même si les réunions du Comité sont tenues plus d'une fois au cours de cette période.

**Ingingo va 15: Impamvu zituma ugize Komite ayivamo**

**Article 15: Reasons for cessation of membership of the Committee**

**Article 15: Causes de perte de la qualité de membre du Comité**

Ugize Komite ava muri uwo mwanya iyo:

A member of the Committee ceases to be a member if:

Un membre du Comité cesse d'être membre si:

- 1° yeguye akoresheje inyandiko;
- 2° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;
- 3° abangamira imikorere ya Komite;
- 4° yahanishijwe burundu n'inkiko igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6);
- 5° asibye inama za Komite inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;
- 6° atagishoboye kuzaza inshingano ze kubera impamvu ihoraho iyo ari yo yose;
- 7° atacyujuje ibyagendeweho ashirwa muri iyo Komite biteganywa mu ngingo ya 3 y'iri teka.

- 1° he/she resigns in writing;
- 2° he/she manifests behaviors contrary to his/her responsibilities;
- 3° he/she jeopardises the functioning of the Committee;
- 4° he/she is sentenced to imprisonment of six (6) months or above in a final judgement;
- 5° he/she is absent at three (3) consecutive meetings without valid reasons;
- 6° he/she is no longer able to perform his/her duties due to any permanent impediment;
- 7° he/she no longer fulfills requirements for becoming a member of the Committee provided for in Article 3 of this Order.

- 1° il démissionne par écrit;
- 2° il manifeste des comportements contraires à ses attributions;
- 3° il compromet le fonctionnement du Comité;
- 4° il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement de six (6) ou plus;
- 5° il s'absente dans les réunions trois (3) fois (3) consécutives sans motifs valables ;
- 6° il ne peut plus remplir ses fonctions suite à une quelconque raison permanente ;
- 7° il ne remplit plus les conditions pour être membre du Comité prévues à l'article 3 du présent arrêté.

**Ingingo ya 16: Isimburwa ry'ugize Komite**

Isimburwa ry'umwe mu bagize Komite rikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 4 y' iri teka mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye umunsi ugize Komite yayiviriyemo.

**Ingingo ya 17: Amategeko ngengamikorere ya Komite**

Buri Komite ishyiraho amategeko ngengamikorere yerekeranye n'imyitwarire y'abayigize ndetse n'imyitwarire y'umukozi wayo ugengwa n'amasezerano.

**UMUTWE WA III : IMICUNGIRE YA KONTI ZIBIKWAHO AMAFARANGA AKOMOKA KU MITUNGO YASIZWE NA BENE YO**

**Ingingo ya 18: Konti zibikwaho amafaranga akomoka ku mutungo wasizwe na bene wo**

Komite ya buri Karere niyo ishinze gucunga Konti zibikwaho amafaranga akomoka ku mutungo yasizwe na bene yo.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinze Iterambere ry'Ubukungu, Visi-Perezida igihe Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinze Iterambere ry'Ubukungu adahari, Umucungamutungo n'Umunyamabanga ni bo bashinze gusinyira amafaranga kugira ngo asohoke.

**Article 16: Replacement of a member of the Committee**

Replacement of a member of the Committee is conducted in accordance with provisions of Article 4 of this Order within thirty (30) days from the day the member left the Committee.

**Article 17: Internal rules and regulations of the Committee**
